

Kugumana umutekano igihe uri kuri murandasi

Kuki umutekano wo kuri interineti ari ingenzi kuri njye?

Interineti n'imbuga nkoranyambaga ni uburyo bwiza butuma dusangira amakuru kandi tugakomeza gushyikirana n'inshuti n'umuryango.

Ariko kandi, abagizi ba nabi n'andi mashyirahamwe atemewe n'amategeko na bo babikoresha kugira ngo bagerageze gutwara amafaranga yawe, amakuru yawe, cyangwa babigukangishe.

Aba bantu bashobora gukorera aho ari ho hose ku isi, bavuga indimi nyinshi neza, ndetse bafungura imbuga z'impimbano zisa neza n'iz'ukuri. Bakwandikira bakoresheje imeli, imbuga nkoranyambaga, n'ubutumwa bugufi kandi bagerageza kugutera ubwoba cyangwa kuguhangayikisha kugira ngo ntutekereze neza.

Ibi byose bivuze ko ugomba kwitegura kandi ukamenya buri gihe amayeri bakoresha.

Ni ibihe bibazo bimwe bikunze kuboneka kuri murandasi?

Dore bimwe mu bibazo bikunze kubaho:

- **Kwakira imeli cyangwa ubutumwa bugufi buteye impungenge busaba ko ukanda ku ihuza runaka (link).**
Ayo mahuza akenshi akwerekeza ku mbuga mpimbano zigamije kwiba umwirondoro wawe ukoresha winjira ku mbuga cyangwa amakuru yawe y'imari.
- **Guhamagarwa biteye impungenge bagusaba amakuru bwite.**
Nk'uko byavuzwe aho hejuru, uhamagaye yigira nk'aho akorera banki yawe maze agasaba amakuru.
- **Wakira ubutumwa buvuye ku muntu wigize ufite ububasha ashaka ko ukora ikintu runaka.**
Akenshi uwo muntu agushyiraho iterabwoba runaka.

- **Kuba hari umuntu ugera kuri konti zawe za murandasi (urugero: imeli cyangwa imbuga nkoranyambaga).**
Niba umuntu yinjiye kuri konti yawe kuri murandasi, ashobora kwiba amakuru, kuyobora amafaranga yawe mu buryo butari bwo, ndetse agashuka inshuti cyangwa umuryango wawe yigize wowe.
- **Umwirondoro w'ikarita yawe ya banki uribwa, cyangwa gushukwa ukagura ibintu by'ibihimbano cyangwa gushorwa mu mishinga itabaho.**
Abatekamutwe baba bifuzako utekerezako ubonye ikintu kiza maze ugatanga amafaranga utabanje gutekereza. Cyangwa se urubuga nyarwo rukisanga rutarinze amakuru, noneho umwirondoro wawe ukajya hanze kuri murandasi.

Hano hari izindi ngero: [Shaka ubufasha nonaha - Rinda ibyawe biri kuri murandasi](#)

Ni gute nakwirindira kuri murandasi?

Amagambo y'ibanga yo kwinjira kuri murandasi maremare kandi adasanzwe.

- Uko ijamba ry'ibanga riba rirerire ni ko rirushaho gukomera.
- Kora ijamba ry'ibanga ryoroshye kwibuka ry'inyuguti zirenga 16 uhuriza hamwe amagambo ane utoranyije upfa gufata nta kigendewehe (urugero: TriangleRhinoOperationShoes) hanyuma wongereho imibare, inyuguti nkuru n'ibimenyetso niba bisabwa (urugero: Triangle&"Rhino"Operation2Shoes).
- N'ibyingenzi ko, udasubiramo amagambo y'ibanga yo kwinjira kuri murandasi. Niba umujura abonye rimwe mu ijamba ry'ibanga ryawe ryo kwinjira kuri murandasi, azagerageza kurikoresha kuri konti zawe zindi.
- Koresha ijamba riybanga kugirango wibuke ijamba riybanga koriwe no gukora ijamba riybanga rishya.
- [Shyiraho amagambo y'ibanga meza yo kwinjira kuri murandasi - Rinda ibyawe biri kuri murandasi](#)

Shyiraho uburyo bwa kabiri bwo kwemezako ari wowe by'ukuri.

- Iki ni igice cy'amakuru y'inyongera—akenshi ni kode wohererezwa kuri telefoni yawe — ukenera kugira ngo winjire ku rubuga.
- Ubu buryo burakomeye cyane kandi bushobora guhagarika igeragezwa ryinshi ryo kwinjira muri konti zawe.

- Turagusaba gukoresha "authenticator app (apurikasiyo yo kwemeza umutekano" igihe ikoreshwa.
- [Shyiraho uburyo bwa kabiri bwo kwemeza umwirondoro wawe \(2FA\) - Rinda ibyawe biri kuri murandasi](#)

Umwirondoro wawe ntujye hanze kuri murandasi.

- Uburyo bwiza bwo kuguma utekanye ku mbuga nkoranyambaga ni ugukora ku buryo telefone cyangwa mudasobwa n'ibindi byawe bifunguye ahantu harinda amakuru cyangwa umwirondoro wawe (privacy settings).
- Ibi bizagukiza abantu utazi barimo n'abajura bakorera ibyaha kuri murandasi ntibabashe kureba ibyo usangiza abandi cyangwa kukoherereza ubutumwa.
- Komeza witondere koherereza amakuru yawe wenyine, umuryango wawe cyangwa inshuti zawe.
- Menya neza ko abo uvugana nabo icyo bavugako aribo ari ukuri
- Witondere abagusaba ubushuti bakoresha umwirondoro utabaho. Witondere abantu bavuga ko ari abanyamakuru cyangwa abandi utazi neza.
- [Rinda amakuru yawe y'ibanga kuri murandasi - Rinda ibyawe biri kuri murandasi](#)

Mudasobwa cyangwa ibikoreshe ukoresha kuri murandasi bijyendane n'igihe buri gihe.

- Igihe uvugurura cyangwa ushyira ku gihe telefoni yawe, mudasobwa, cyangwa software (porogaramu ikoreshwa muri telefoni, mudasobwa n'ibindi), uba usana imyenge yose y'umutekano yaba iriho.
- Abajura bo kuri murandasi bahora bashakisha inzira zo kwinjira, kandi bavugurura icyazana intege nke mu kwinjira.
- Shyira ibikoreshe ku gihe ukoresheje uburyo bwo kongera kubyatse (restart).
- [Komeza kuvugurura cyangwa kugendanana n'igihe buri gihe - Rinda ibyawe biri kuri murandasi](#)

Irinde uburiganya.

- Inama nziza ni ukumenya aba batekamutwe no kuba maso niba abagizi ba nabi babigerageje ndetse banaguhamagaye ku mbuga zose za murandasi.

- Niba hari ikintu kigaragara nk'ikitari cyo, ntugire icyo ukorana n'umuntu uguhamagaye. By'umwihariko, wibuke kwitondera abagusaba amafaranga, kabone nubwo bagaragaza ko ari abantu beza.
- Ujye ureba amahuza cyangwa imeli bidasanzwe (urugero: banki yawe ntizakwandikira ikoresheje emeli ya gmail).
- *Ntukigere* ukanda amahuza mubutumwa bwanditse.
- Kuramo gusa porogaramu kubikoresho byawe mububiko bwaporogaramu zemewe .
- Niba ufite impungenge, vugana n'ikigo ubwacyo, ntukurikire amahuza cyangwa numero za telefoni zoherejwe.
- Gerageza gukomeza kumenya akaga k'umutekano kuri interineti kuri wowe ubwawe, itsinda ry'imiryango y'abantu ukomokamo, hamwe n'itsinda ryose waba urimo.

Rinda amakuru yawe.

- Koresha porogaramu zo kohereza ubutumwa butasomwa n'undi muntu, nka Signal. Ibi bizahagarika umuntu uwo ari we wese kubasha gusoma ubutumwa bwawe.
- Gusa dusangize amakuru urubuga rwa murandasi niba adresse yarwo itangizwa na HTTPS. S bisobanura "itekanye" kandi bivuzeko amakuru yose yoherejwe hagati yawe n'urubuga atasomwa n'undi muntu.
- Koresha virtual private network (VPN)(uburyo burinda umwirondoro w'abavugana kuri murandasi) ishobora kurinda amakuru yawe no guhisha aho uherereye.
- Reba amakuru n'uruhushya rwa porogaramu zawe zishobora kugeraho. Nk'urugero, porogaramu y'imyitozo ngororamubiri ntabwo ikeneye uburyo bwo kugera ku bantu uvugana nabo.

Nakora iki niba natekewe umutwe cyangwa ikindi kibazo gikomeye?

Hari ahantu henshi wakura ubufasha. Ntabwo ibi bigo bizasangiza abandi amakuru yawe keretse ubitangiye uburenganzira.

Ushobora kumenyekanisha ibikorwa byo kuri murandasi kuri NCSC binyuze ku rubuga rwa CERT NZ kandi tuzagufasha cyangwa tuguhuze n'ikindi kigo. [Menyekanisha ibyabaye | CERT NZ](#)

Niba wabuze amafaranga, wahita uvugana na banki yawe ako kanya.

Ubutumwa bugufi bw'ubwambuzi bushobora koherezwa ku buntu kuri 7726, serivisi iyobowe na Minisiteri Ishinzwe Ibikorwa by'imbere mu gihugu.